

YEZU KRISTU ABONEKERA ANYESI KAMAGAJU
NA SEGATASHYA
i KIBEHO TARIKI YA 06/11/1982.

Twabanje gutegereza Anyesi igihe kirekire. Saa kumi za nimugoroba, aho aziye ajya aho basanzwe bategura imbere y'inzu abanyeshuri bararamo, ahageze dutangira ishapule. Amagambo yavuze atangiye kubonekerwa sinashoboye kuyandukura, ariko ni interuro imwe yancitse gusa.

Dore ibimenyetso nza gukoresha muri iyi nyandiko:

1. Utumenyetso (...) dutangira umurongo, tuvuga aho ubonekerwa yacecetse akanya ateze amatwi uwo bavugana.
2. Utumenyetso (...) hagati mu nteruro, tuvuga ko aho haciyemo amagambo ntashoboye kwandukura, atumvikana mu cyuma.
3. Amagambo ari hagati y'utu tumenyetso () twitwa udukubo (paranthèses), avuga ibisobanuro by'uwandukuye ibi mugiyeye gusoma, kandi yari ahibereye.
4. Inyuguti Ch. (= chant), zivuga ko amagambo azikurikira umwana yayaririmbye, ariko indirimbo ntabwo nazandukuye zose.

Ndumva binteye ubwoba, kubera ibyo ntagerageje gusobanukirwa wari wambwiye, ngusabye kubanza kunkomezwa ngo noye gukomezwa kugira ubwoba.

...

Byatewe n'ibintu niriwe ntekereza wambwiye kandi ntubinsobanurire neza.

...

Turabikurikira twese, nta n'umwe uri busigare atabikurikiye, ni inzira utubwira.

...

Ch. S. "Ngwino Yezu Mukiza, ngwino funguro ryacu".

(Yakurikijeho ibitero bine twikiriza)

Nyagasani, nk'uko umbwiye kuririmba ako karirimbo ujye unabituduzirikanisha, twibaze icyo ushatse kuvuga. Icyo ushatse kutubwira.

Ch. "Nimurya uno mubiri nzabazura burundu ku munsu w'imperuka".

Nyagasani, aho mumbwira kuzirikana hose nzajya mpazirikana kandi nibaze n'impamvu mumbwiye gutyo. ... Ndabitega amatwi byose. ...

Kereka icyo utambwira. Ndagutega amatwi, ugerageze kuyanziburira kuko jye narazibye ntabwo numva neza ibyo umbwira. Mu kinyarwanda bajya baca umugani ngo „ujya guhinga aratangira“. Impamvu ari jye wivuze ni ukugomba kwitangiriraho, ni jye jyenyine uba wivuga, ugerageza kumva yakwumviraho.

...

Ninabibona uze kubinsobanurira, kuko ibyinshi ndabibona utabinsobanurira bikanjija.

...

Nyagasani, muri uko kuboko uzadukirizamo udakudukomerezemo woye kuzaturekura ngo shitani itwijyanire mu kundi tudakwiye kujyamo. Uzatwishyirire muri uko nguko.

*Ch. Yezu azatwakira atubumbatiriye... + R/ Twe abayoboke...
Nyobora, Nyagasani, jya unyobora inzira nziza.*

Ch. “Yezu azatwakira atubumbatiriye mu kwaha kwawe kw’iburyo”.

Nyagasani uzatwakire utubumbatire mu kwaha kwawe kw’iburyo.

...

Wabirebye ute se, ubwo urabaruzi? Jye ntabo nigeze mbona.

...

Burya se ujya umbwira cyane ukagira ngo ntibumva?

...

Turi ha handi wambwiye cyane ntabwo wambwiye utyo. Nanjye rero umbajije nkamubwira nti :” nibyo koko, uzaza uyu munsu.” Ariko abantu bari barambiwe, kandi ntibazi ko nabanje kukubonera ha handi. ...

Ibyo ari byo byose ntabwo nica isaha, ndetse waje itaranagera ishigaje nk’umunota umwe cyangwa ibiri. ...

Uri iwacu ariko rero ntabwo urahasesekara neza. Ariko ndakaririmba kuko ukambwiye:

Ch. “Umwami ageze iwacu... (Aha yaharirimbye afunze umunwa atavuga ibyumvikana)”.

...

Ndaririmba hahandi ngo: ... (yongorera). Ndakarangije, ntawe umenye n’igitero naririmbye. (Gahoro cyane) “Yezu watubwiye”. R/ (Cyane noneho) “Umwami ageze iwacu”.

...

Nyagasani ni wowe ubishatse ngo ntagira ubwoba.

...

Ch. “Mwami ntabwo nkwiye... + R/

Ndabona uri hagati y’imisozi ibiri. Unsobanurire iyo misozi ibiri icyo iba ishatswe nko kunyibutsa. Kubera iki?

...

Nyagasani, umunsi wakandagiye ku isi, uzatubabarire twese. Uzatubabarire twese, Uzatubabarire twese

...

Uje aka kanya nta kintu wasanga twaragezeho cyangwa twarakoze.

...

Igihe uzabishakira.

...

Tuzagerageza, uretse ko turi abanyanteye nkeya, tugira igihe twagerageje, intege zigacika tugasubira inyuma.

...

Ku bwacu ntabwo twaziyongerera ngo bishoboke, kereka ku bwanyu.

...

Twarushaho.

...

Kwandika.

...

Twabireka byose.

...

Wowe gusa.

...

Wowe musa n’umubyeyi wawe, nako n’ababyeyi bawe, n’abaturushije kugira intege bakaba barigereye aho ngaho.

...

Nko mu myaka ingahe?

...

Myinshi gusa?

...

Iyo utangiye kubara gutyo, nta kintu namenya nitoreramo na gitoya.

...

Koko. Nyagasani, ni amarenga uducira. Uratwifashirize, uratubabarire kuko ibyaha ari byinshi kandi n'intege ni nkeya. Uratubabarire Nyagasani, uratubabarire Nyagasani: ibyaha ni byinshi n'intege ni nke. Uratwitirize intege kugira ngo tugerageze ukuntu twagukorera.

Icyo gihe uzatwitwarire, aho kudasiga twese kandi tutazi n'aho tugana n'aho tuva.

...

Urayidutsindire.

...

Uzayidutsindire Nyagasani tudafite intege, ntabwo twabona ukuntu tuyirwanya.

Muzajye mudutiza intege, miza idushuka tuzabone ukuntu dushobora kuba twayirwanya.

...

Koko intege zacu ni nke cyane.

...

Twarabibonye rimwe.

...

Yakoze byinshi kandi yagiye ishuka abantu kenshi, ariko uwo mutijije intege agerageza kuyitsinda no kuyirwanya. Ndetse iramubona igahunga, ikiruka.

...

Ese kuki muzi ko ishobora kugusha benshi cyane mukayitwoherereza ni ukubera iki?

...

Ni ukutugerageza koko.

...

Ch. "Hoshi genda shitani va mu bana ba Mariya... va mu bana ba Yezu".

Mariya Mubyeyi wacu dutsindire shitani.

Nyagasani, izajye ukomeza uyiturwanyirize, ahasigaye twebwe itwikubiye nta n'umwe warokoka.

...

Abo yigaruriye se Nyagasani, muzagerageze nabo, muzemere, mbese sinavuga ngo uzasubire kudupfira uko wadupfiriye tutabizirikana, ngo natwe tube twakwitura.

Ariko n'ubu muzagerageze: Hari nk'uwo ubona nyine agiye burundu, uretse na we ko uba umwirebera, natwe hari uwo tureba tukumva aduteye agahinda.

Yabwirwa nk'ibyerekeye mwebwe, akiruka ndetse akanahunga. Uwonguwo Nyagasani, twumva atubabaje cyane. Mujye mumubabarira rwose, mujye mumubabarira, mujye mumubabarira, nawe murebe ukuntu mwamubohora, kuko hari uwo iroha burundu ntabe yanakwinyagambura.

...

Muzabazikure abo bazikanye cyane. Muzabahe urumuri bagerageze kuzikuruka.

...

Ch. Uratumurikire Nyagasani Yezu

Duhe urumuri rushyitse Nyagasani (x 2)

....

(aseka cyane) Mbe uwo muntu, Nyagasani uwo muntu wakomeje kumbwira, unyereka (x 2) Umumbwiraho ikintu, ahaa! Equipe arimo ndayiruzi, ariko rero, uramufashe Nyagasani umutize n'intege. Kandi Nyagasani ibyo nza gukora byose ubintizemo intege. Nta kintu nakwishoborera tutari kumwe nawe.

...

Ariko kuki ururbyiruko ari rwo mwibanzeho cyane, kandi ibibi byose bikaba ari rwo bigaragaramo? (*Yateze amatwi igihe kirekire*).

...

Ch. „Nyagasani ni wowe roho yanjye irangamiye... (bose)“.

...

Ni imbabazi musabira, ni nk’aho yayiririmbaye, ariko we ntabizi, mbese ntabiteze n’umutima, ntabizi n’ibyo ari ibyo, ntazi n’icyo akora, abona we ari nk’igikino, abona ari nko kwikinira mbese.

...

Ch. „Nyagasani ni wowe roho yanjye irangamiye... sinzakorwe n’ikimwaro.

Nyagasani ntumukoze ikimwaro, ntabwo abikwiriye. Isi yose yamwanga. Ndabona nta n’ubwo ari ukumukoraho gusa kuvuga ikintu yakoze, isi yahita imuzinukwa burundu kandi atari abikwiye. Ariko Nyagasani bene nk’icyo kiba kirirwa kijya he? Cyagiye kigumira aho cyamereye? Ni uguherekeza abandi gusa ngo bamenye ko nawe akunze Imana? Erega abenshi ntibaba bazi ko mwirebera mu mitima, baba bazi ngo yuko ari nk’ibikino. Nyamara umukojeje isoni ntiyazabona n’ujya amuha n’utuzi, uvuze ibintu akora byose. (*Abari aho bari bumiwe*).

...

Nyagasani, nari ngiye kubivuga, ujye unkomeza hatu ntazacikwa nkavuga n’ibyo ntari nkwiye kuvuga. Nyamara ntibazi ko uzaza mu nkubi y’umuyaga no mu bicu. (...)

Ch. (Indirimbo tutumvise neza)

Nyagasani kuko nkubonera kure cyane, igira hino ukize abana bawe bose.

Ch. (Indirimbo tutazi): “Abataye ukwemera ubagarure, abari mu nzira mbi ubagarure.”

Abari mu nzira mbi bose Nyagasani ubagarure, abataye ukwemera bose Nyagasani ubagarure kandi ukubakomereze.

Aho ujya hose ndagukurikira. (*Arahindukiye arebye iburyo bwa Yezu*).

Nta kintu na gitoya bashobora kwifinduriramo, bagira ngo niko bisanzwe.

Yenda nabyo ntibabibona, ariko bashobora kuba bakwiciramo amarenga. Mbese uwo uha amaso yo ku mutima atari amwe y’umurimbo, nizeye ko ashobora kubibona cyangwa no kubireba, akamenya n’ibyo ari byo. Naho uwo uyaziba, uraba wayamuzibye nyine. Uwo uyahundika araba yahunditswe.

...

Ch. Nyagasani tuzakureba (indirimbo tutazi)

Mu kuboko kw’iburyo kwawe Nyagasani, tuzajya tuba ariho tureba kuko hazaba hari ibyiza byinshi n’ibimenyetso byinshi.

...

Uwo uha amaso yo ku mutima, nizeye ko agerageza kubibona. Uwo uha amwe y’umurimbo gusa nta na kimwe ari butahane.

...

Ch. „Kristu Nyirimpuhwe, Nyirineza. (bakamufasha) bayisubiyemo kenshi.“

...

Harimo yenda, haba hari nka babiri cyangwa batatu se, yenda ni benshi cyangwa ni bose, ariko harimo n’abatazi ikintu babwiye kandi bakurikira. Nyagasani, uwakwitegereza neza,

uwareba arebesha amaso yo ku mutima atari ayangaya twifitiye ubanza yakwibonera byinshi mu kuboko kw'iburyo kwawe.

...

Nyagasani, mu kuboko kw'iburyo kwawe ndahabona jyewe iriba ricuze umwijima. Nkhabona n'ibisozi binini bitatu.

...

Nyagasani, isi ntabwo izabyemera izavuga iti: " niko bisanzwe." Biryamba byose ntibyabagaho?

...

Nyagasani, nizeye ko atari ibi byonyine utwereka, uraza kutwereka n'ibindi byinshi.

...

Ch. „Ibyiza byose uzapfa Yezu, nzemera inzira uzanyura, nzemera inzira uzanyobora“.
(iyo ndirimbo ntutuyizi)

...

Ntabwo urumuri rwawe ari ko rukimeze nka mbere, amaso yo ku mutima ariko, naho ya yandi ntabona. Ntabwo ari ko bikimeze, izuba ryahindutse ukundi.

...

Ufite amaso yo ku mutima, naho ufite amaso y'umurimbo nta na gito ari butahane.

...

Nyagasani ukomeze utumurikire, utwereke n'ikigereranyo. Uvuze ko bifuzaga igitangaza. Kandi harimo umuntu umwe udatahana na gito.

...

(aha yarasetse cyane). Kugeza ubu, harimo wenda n'utaragira n'ikintu abona na gito, ariko ufite amaso yo ku mutima nizeye ko yabonye byinshi. (barashakashaka akabaseka). Nyagasani, ubiyerekere, maze utakwemera... ukumugarurire.

„Dore amagambo yavuzwe n'abantu barebaga izuba i Kibeho: “YEWE WE, UMUNTU ARARIREBA NEZA... RIRABYINA WE, OYA! USANZWE UFIXA IZUBA BIKAGUKUNDIRA WOVE? NTIBISHOBOKA. OYA! TURAREBAMO BIRABYINA. BIRABYINA. USANZWE UFIXA MU ZUBA BIKAGUKUNDIRA?” “DORE IRIBA KOKO DISI WE! NI NK'AMAZI HARIYA KU NTUZA, NI NK'UMURIRO MUNSI Y'IZUBA.”

Agerageze kugira icyo atoramo, ejo atazagenda avuga impuhwe n'amakuru biha ku ruhanda.

Ch. (indirimo tutazi), "Nyagasani kiza abana bawe".

Nizeye ko isi yagerageje kugira nk'ikintu yazabwira abandi ibisozi birebire cyane, amazi, Nyagasani, urumuri waduhaye ruzakomeze rutumurikire.

... Ahangaha abantu barakomeje bariyamirira bareba izuba...

Isi yose yarangaye, nta n'ubwo ikita kubyo ibwirwa, ahubwo yitaye ku bitangaza uyereka, ntiyumva icyo ushaka kuvuga, icyo uyibwira,

Ch. "Urumuri rwa Kristu..."

(Izuba ririkaraga mu kirere, nk'aho ribyina kandi ritaryana mu maso, hari ikintu kizunguza imbere yaryo).

Ch. Umunsi uzatoranya abawe, Mana uzatubabarire.

(Yayisubiyemo kenshi n'interu zayo tukikiriza).

Twita kuri ibyo bitangaza nyamara ntibazi ko bizahitana isi.

Ch. Umunsi uzatoranya abawe (bose bakikiriza).

Nyagasani, biriya bintu tumaze kubona, jyewe binteye ubwoba kandi binkuye umutima kuko isi ndabona ushatse wayigira uko ushatse aka kanya. Tugerageze gusaba Imana imbabazi, ibe iretse kohereza umwana wayo kuko aka kanya aje nta kintu twabona na gitoya tumubwira.

...

“Dawe uri mu ijuru” (twese turayikiriza).

„Isengesho ryo kwicuza ibyaha“ (twese tukarivuga).

„Dawe ubinkize sinshaka kubisubira ndasha kuba uwawe“ (Akavuga wenyine).

„Ndemera Imana Patri ushobora byose (bakamufasha)

Nyagasani, nagize ubwoba bwinshi, nari nduzi ko isi uhita uyihirika aka kanya.

Numvise umutima ukutse, usibye ko wawri wavuze uti nubibona ntibizagukure umutima uzamenya yuko ari ibi...

Nako nari mbizi kuko cya gihe wari wansobanuriye, uti icyakora cyo nzahumuriza isi vuba.

...

Ntabwo iri bwitegereze neza, ahubwo irasakuza igasahinda cyane.

...

Ubu se ndayibwira ngo iki?

Isi nirebe izuba hagati harimo ibice bibiri hasi (*yacecetse akanya*) irebe ikomeze yitegereze, ntabwo bikimeze nk’uko bisanzwe, harimo n’impande nyinshi cyane.

Kandi ubwo utabonye amaso y’umutima yenda aracyahanuza ibyo ari byo cyangwa ntiyagerageje no kubiyumvisha. Nyagasani tukwishyize mu maboko. Nyagasani uzatugirire ibambe, uzabe ari wowe utwirebera, ntacyo twishoboreye twebwe, kuko ushatse aka kanya wahita uyihirika. Wajyaga ubivuga, ndetse benshi tukajijinganya tuti ntibishoboka. None jye numvise umutima ukutse, ariko wampumuriye vuba cyane.

Nyagasani ibindi biracyaza, ntabwo ari ibya mbere gusa hari n’ibindi ariko rero mbere yo kuza, isi irabanza isobanurirwe icyo bishatse kuvuga. ...

Mbwira ukuntu nshobora gusobanurira isi yawe icyo ushatse kuvuga n’icyo ushatse kubereka.

Harimo abantu benshi bihaye kuvuga ngo bazemera babonye ibitangaza. Mumenye yuko ibitangaza ashobora kubitanga uko ashaka, ariko hari icyo ashobora gutanga cyemeza buri wese akakigwamo atabyiteguye, kiakaba ari we cyoreka kandi ari we wacyifuzaga kurusha abandi.

Tujye twemera rero tutarabona, kuko nitwemera twabonye bizaba byaturangiriyeho. isi yacu , icyo Nyagasani yashatse kuyibwira, yavuze ko isi yanze igacika integer, igakora ibintu bidakwiye, ikavuga ibitavuzwe ikigerekeraho n’ibindi. Igahimbana abantu ngo barasaze.

Mumenye ko ari cyo yashatse kubereka, kandi yashatse guteguza inzira ye. Ntavuze ati jyewe nje aka kanya nasanga nta kintu mwakora na gito, nta n’icyo mwageraho.

At: kubera ko isi hari ibigeragezo byinshi, ati umuntu adashobora kugira abantu yahera, yaturuka, kugira ngo batsinde ibyo bigeragezo bi we, batsinde umutima umubwire uti uzemere wabonye igitangaza kinini. Icyo gitangaza kinini rero gishobora kuza kikoreka isi, kubera ukwifuza kwacu.

Nyamara aravuga ati: nta gihe ibintu bitaba by’ibigero, ariko abantu ntibabimenya. Ntibanabyitaho cyangwa ngo babitege n’umutima, ati ahubwo bicara babisuzugura

babikerensa, ati mumenye ko isi atari iyanyu. n'ibyo mutunze byose atari ibyanyu ari ibyacu. Dushatse rero twabikoresha ikintu dushaka.

Twese, uko Nyagasani yashatse kutwiyerekera iki kimenyetso, yenda siko yacyeretse bose, bamwe baracyajijinganya abandi baracyahanuza, abandi bazavuga inkuru uko batazibonye, ibintu nk'ibyo. Muzagerageze kuvuga inkuru uko mwayibonye, ntimuzigerekereho ibyo mutabonye n'ibyo mutabwiwe. Kandi nitujya tubona nk'ikintu atweretse, gishaka nko kugira ngo tugarure mbese umutima, tugarukire inzira imwe gusa, tubakurikize we n'umubyeyi we, ibyo batwifuzaho tubibakorere, inzira batuyoboye tuzayirushe. Akabereka nk'ibintu, mujye mwihutira gusenga ntimukihatire kureba ibyo aberetse mujye mureba mbese mugire ubwoba mutinye mwo gukomeza kuvuza induru ngo ye baba, ye baba. Kandi uravuzza induru nta kintu uri bukore.

Ahubwo nishimiye guhimbazwa n'inkuru kugira ngo uzabone ibintu uvuga, uvuge ibyabaye n'ibitabaye.

Izuba ryikaragaga mu kirere rihita rirenga ako kanya...

Mu ibonekerwa rye Agnes adutoza kuba maso, gushishiza no gusenga:

Ahubwo mujye mugerageza gusenga, mwiambaze Nyagasani, mwiambaze Umubyeyi we kuko si n'amarenga aca, nako uwumva yumve utumva yirorerere. Nyagasani rero muri uyu muni

Arashaka kugira ngo ahari buri wese atahane umutima wo kwicuza rwose bishyitse.

Urebye ni nk'inzira nziza ashaka kutuzamuramo, kuko benshi twatsinzwe n'inzira itari yo. Cyane cyane rero yerekeyeho n'abandi bose ni uko, ariko cyane cyane yerekeyeho urubiruko.

Urubiruko, urubiruko, ararwihaniza inshuro nyinshi nyinshi. Ati n'abandi ni uko, ati ariko igiti kigororwa kikiri gito. Ati harimo abarenze, shitani izajya yikoreshereza gusa, batagira ukwicuza, ndetse agahugira ku murimo umwe gusa ntagire ikindi atekereza. Ahubwo yabona ibyo mugenzi we akora, akabona ko yasaze cyangwa ari ibyo yigira, ko yihaze.

Akavuga ngo kanaka yihaye nk'ibintu, ngo abantu bamukunde, bamurebe se, ibintu nk'ibyo. Ariko ya ngeso mbi ntagerageze kuyitsinda ngo avuge, ati: nzakorwa n'isoni imbere ya Nyagasani. Niba ari umukobwa ati: nzakorwe n'isoni imbere ya Bikira Mariya koko? Ngo abyibaze, umuhungu akavuga, ati sinzatinya ye! Akavuga, ati: sinzakozwe isoni imbere ye.

Nyamara ntiyibaze ko imbere ye ariho bizaba bikomeye. Igihe amubwira, ati: "Nkurikira (3) akiyangira icyo gihe azaba yizigamye. Twebwe urubiruko, ari ibyiza twabibona, ari n'ibibi bikanga bikadutsinda, bikatunaniza, bikadushuka mbese.

Hari nk'umuntu mbere wabanje kumbwira, kandi ari mu rubiruko. Kandi mbese urebye, nako urebye ni umukobwa kandi abakobwa harimo abakurikira inzira y'Umubyeyi wacu Bikira Mariya, hari n'abatazi rwose ikintu bakurikiye, cyangwa akibaza ati Umubyeyi ntanariho.

Ati mbese yenda no kugenda kwe ati nawe icyo kintu yaragikoreshaga, ntiyibaze yuko bamuvuzeho ko yasamye nta nenge afite. Akavuga ngo ubwo se yabyaye Yezu ate?

Tukabyishyiramo tukanga tukamukosereza, kandi yaraje kuduha inzira nziza no kutuyobora.

Akavuga rero ati jye rero, ndihaniza bose ntawe ndobanuye, ati ariko urubiruko ruranga rukamera nabi. Tuvuge rero nk'uwo yanyeretse, ati buriya namukoza isoni mu bantu kandi atari abikwiye. Ubwo rero yisubireho, simvuga ngo ni umwe, ariko jye yagerageje kunyereka umwe.

Nk'uko atashatse kumukoza isoni rero mu bantu, yamuhaye icyubahiro, nawe azagerageze kukimuha: amwubahe, atinye umubyeyi we rwose, aho ari hose aba amuhanze amaso icyo akora cyose aba akireba, ari uvuga neza ari uvuga nabi niwe tubitura.

Ariko twe byaratunaniye, tukanga tukagira nabi, tugakora ibintu bibi bidakwiye, tukamubabaza cyane kandi yaraje kudutegura, yaraje gutegura inzira tuzanyura ariko ntituyumve. Nk'aho twamuteguriye rwose, akaba ari we uza akadutegurira, ati nzemera nibabaze kuko ntawe ubona uko agira umwana we. Ariko twe tukanga tukamubabaza.

Icyo badusaba rero ari Yezu, ari Bikira Mariya Umubyeyi we, ni ukubakurikiza mu nzira nziza banyuze, mu nzira nziza baje kutuyobora, tukagerageza kuyikurikiza ntiturindire ibitangaza. Kuko bizaza bikazaduhitana turi benshi, tutagerageje kubakurikira.

Utazahabwa Yezu rero, nta kintu nabona mbabwira, ni nk'urugero mbaha, mbese ni uguteguza, mumenye ko isi iri hafi gushira. Kandi ku bifuza ibitangaza bazajya babibona ariko hariho abazabigwamo. Kandi koko harimo ababigwamo. Hari ucumura ati jye nta kintu bimbwiye, nshobora gukora uko nshaka. Hanyuma nyamara, yamara gukora uko ashaka, nk'aho yamugaruye mu nzira nziza, akamwoherereza shitani, shitani nayo ikagira amwihariko wayo.

Ikamwitwarira, ikamukoresha, ikamukomoza mu bandi bagasigara bamugize urw'amenyo.

Aho kugira ngo rero tuzakomorwe tugirwe urw'amenyo, tugerageze kubyihanganira, ibyaha byose dukora tubireke, inzira mbi tunyura tuyireke tugarukire Imana nk'uko natwe yatugarukiye.

Twibuke igihe yadupfiraga, Yezu ku musaraba, igihe bamugambaniraga akemera kwitanga kugira ngo dukire, mbese akemera gutanga amaraso ye ngo ajye aduhanagurira roho, ariko ntitubyibuke, tukanga tukamukosereza.

Umubyeyi we igihe ajya kutuyobora inzira, akadukundisha ishapiro, ntituyikunde ahubwo tukayijugunya, umuntu ntamenye n'aho iri, ntamenye no kuyigana byibuze ngo avuge na Ndakuramutsa Mariya 10, ati Mubyeyi ndagushimiye rwose inzira wanyoboye. Oya, ahubwo akayanga, ati biriya nta kintu bimbwiye, ntimukabone abana bisariye ngo mukurikize ibyabo.

Nyamara we aravuga ati: „Hahirwa usara yiyambaza Bikira Mariya cyangwa Yezu“.
Ntabwo tuvuga Bikira Mariya gusa, n'Imana kuko ariyo ishobora byose.

...

Nyagasani rero, ibi atweretse, tubizirikane kandi dukurikire, tugerageze kumva icyo yashatse kutubwira, tugerageze kumva ko ari amarenga yashatse gucira isi.
Isi rero, turebereho ko atari iyacu ari iy'Imana, ariko Imana yadutije, igihe izashakira izatarura ibyayo.

...

Nyagasani Yezu, ujye ukomeza wumvishe isi yawe inzira nziza, ujye ukomeza kuduhumuriza. Abana bawe boye kuzatsindwa n'ingeso mbi uhora ubabuza ariko ntibabyiteho, ahubwo bakavuga ibyo batabwiye, bakigerekeraho ibindi byinshi cyane, bagenda bareba ukuntu basebya abantu, no kugenda babatuka ngo ibintu bavuga noneho ngo ni ibitindi, muzagende mwese, ngo mwirebere. Uzi ko ari ko bavuga? Ngo cyangwa mwiyumvire ibintu avuga. Ngo burya aba yumva afite umutima? Ntabizirikana ngo yibaze ati ni bibi, ahubwo akavuga gutyo gusa. Ujye ukomeza uduhe urumuri, utumurikire tugerageze kuba abana bawe Nyagasani, tugerageze gukurikira Bikira MARIYA, kuko yakoreye Imana kuva mu bwana bwe, tugerageze gutora imico ye, tugerageze gutora imico yawe kuko wakoreye ababyeyi bawe ugakorera na So wo mu ijuru.

Nyagasani ujye uduha umutima mwiza, tukwibucye, tugerageze kuguhabwa, ujye nawe udukomeza twoye kuzajya mu nzira mbi.

Twoye kuzajya mu nzira mbi, mu nzira mbi cyane, ntabwo ari byiza. Inzira mbi ni **umu??** ntabwo ari nziza ni mbi cyane.

...

Nyagasani, ubakirize aho bari hose, umutima wabo uwugarure mu bana bawe boye gukomeza gukurikira shitani kuko idushuka buri gihe.

... (*Aha yaririmbye indirimbo tutumva arangije araseka*).

Isi igerageje gukomeza kureba mu kuboko kw'iburyo yakomeza kuhasanga ibintu byinshi.

Ch. "Ibyo dutunze byose ni ibyawe Nyagasani".

Uwagerageza gukurikira, hari abantu yasanga bakamufasha umusaraba wa Yezu yabambweho. Mwitgereze neza. (*Benshi icyo gihe babonye umusaraba na Yezu hamwe izuba ryarengeye... Hari n'abatamubonye*)

Ch." Ndi uwawe Nyagasani"

Uwagerageza no kureba neza, yashobora no kubona igihe yatamirizwaga ikizingo cy'amahwa.

Ch. Yezu Mwami w'ishema...

Yoo! Noneho uwagerageza gukurikira Yezu yigaragaje, ariko abenshi ntabwo bari bumubone.

Ch. Ngwino Yezu Mukiza...

Nzabazura burundu umunsi w'imperuka.

Yezu wabwiye abantu ko uzaza ku isi, ukazaza mu bicu.

...

Waduhaye gukurikira inzira yawe, utazakuyobokera wenda uzamuroheke, kuko watwiyeretse kenshi, ukemera kuvunika rwose, ukatwereka ibintu ukatwereka ibindi. Utazagukurikira agakomeza kugucumurira no gukora ibindi bibi biberekeyeho, noneho uzamugire uko ushaka ntawe ngisabira imbabazi kubo twari kumwe ariko. YOO! Naho uwo tutari kumwe, azabibabarirwe atangire nko kwibwira ibindi hirya no hino. Nawe ndacyamusabira muzagerageze kumukurikira no kumwiyerekerera mu mutima we cyangwa kumwiyerekerera ku bindi bindi, atari ibyo byose.

Inzira yawe Nyagasani urayitugaruremo twese, inzira nziza urayitwiyoboreremo twese. Uradutsindire shitani idushuka, unatwereke inzira nziza. Uratwiyoborere aho iwawe Nyagasani, uratwiyoborere inzira nziza.

...

Nyagasani mbere yo kugira ngo turangize, nsabiye isi umugisha, muyihe umugisha wanyu, nsabiye isi amahoro, nsabiye isi, uzayitsindire imidugararo iyirihira hirya no hino, Nyagasani abakibahakana muzabahe kubagarukira, Nyagasani abagifite ibitotezo bibatoteza hirya no hino bibabuza kubasanga no kubegera, muzabibatsindire, mubibarwanirize.

Nyagasani, nsabiye abantu bose bagufitiye inyota kuzayibamara.

N'abafitiye inyota umubyeyi wawe Bikira Mariya, uzamubayoboreho kuko benshi babafitiye inyota cyane, ati icyampa ngo bampe umutima nk'uwabo mbese nzabiyegurire burundu, mbese nka wa muntu wigeze kumbaza, unambwire nzamusobanurire, kuko byamujije cyane. Yabajije ibyo ari byo biramuyobera, niba ari ibikwerekeyeho cyangwa niba ari ikindi cyaje cyiyoberanya..

Niba ari wowe Nyagasani, ubinsobanurire kuko byamuteye agahinda; kandi siwe wenyine, na wa wundi wundi (s) nabivugagaho.

Niba ari wowe ushaka kuza kubiyereka ariko ntubiyereke, ubimbwire nzagerageze kugira ikintu nabibabwiraho, kuko hari uwo byateye ubwoba cyane. Ese none yaba ari shitani? Urumva ko ayitinye bikabije, unsobanurire ko ari wowe cyangwa ko ari ibigeragezo wamuhaga ngo urebe.

...

S. Nzabimusobanurira. Nk'ubwo umuntu yari yafatikanyije, akabura aho agana n'aho yareka, nzabimusobanurira. Uzadutsindire ibyo bitotezo bya buri gihe, uzadutsindire shitani yoye gukomeza kutwigarurira. Uzatugarure mu nzira yawe, uzatugarure mu nzira nziza. Uzadutsindire shitani Nyagasani, urajye udutsindira shitani.

...

Nyagasani, ntabwo nirengagije gusabira abababaye, bababaye cyaaaaane, bumva mbese nk'ibibera aho ukunda kuza badashoboye kuhigeza, bakakwambariza aho bari, bakavuga bati: "Nyagasani ujye ureba intege zacu". Ujye ugerageza kubafasha uko ushoboyekwose, kuko ureba ko nta mutima mubi baba bagufitiye, ahubwo ari intege zabo zabananiye: hariho nk'akamuga kataba kabasha guhaguruka, ariko kakabagirira inyota.uwaje ntagerageze kugira icyo agasobanurira, ahubwo akakabwira nabi. Ujye ugerageza kutwifashiriza, kuko twebwe hari igihe tugira intege nkeya, ndetse tukanababara kubera ibintu bivugwa; Hakaba n'uwaba afite inyota yo kumenya ibintu bibera hano, kumenya ijamba ryawe, yatubaza tugatangira kumucyaha, akagenda abirebye nabi ngo turatukana. Nyagasani, ujye uduha inzira nziza, ujye uduha urumuri, utuyobore tukwiyegurire. Ariko udusobanuje ashaka kutwinja no kutunegura no kumva ibyo twibaza, ujye umuhinda maze yigireyo.

Naho abashaka kukwiyegurira bese Nyagasani, ntabwo navuga ngo kanaka na kanaka, ahubwo abashaka kukwiyegurira bese uzabibagezeho. Abakwiyeguriye kera bo uzabakomeze, bakomeze bagukorere, bagutunganyirize uko wabibatoreye kuva kera kose. Uzabatize intege, uzabakomeze bese. Ari n'abategereje kugera kuri icyo kintu kandi baracyifuzaga, ariko bakaba bagufitiye inyota, uzayibamare bese bakwiyegurire. Abashaka kugaruka mu bawe bese uzabagarure Nyagasani, ntuzaturenganyirize ibyaha kuko ari intege nkeya, uzajye wirebera mbese nawe. Ariko twifuza twese kugaruka mu bawe,, tukagukorerera uko ushaka tukagutunganyiriza, umubyeyi wawe akatubera urugero tukagerageza kumwigana. Ariko ntawe navuga ngo yamwigana azamushyike, kereka nimubyishakira, gusa nawe akabyishakira, akavuga ati ngwino rwose, umutima wanjye mbese ndawukwihereye burundu, ndakwitoreye. Niwe wagerageza kumukurikiza, S. ndetse akamera nkawe, agatanga n'urugero nk'urwe. Twese rero turashaka urwo rugero rwiza n'iyi nzira nziza, ntawe ushaka inzira mbi hayoborwa na shitani, turashaka iyo mutuyobora. Murajye rero mudutsindira shitani, itwoshya kenshi tugakora ibyo tutatekereje, tugakora ibitadukwiye.

...

Ch. Hoshi genda shitani, va mu bana ba Mariya,

Hoshi genda shitani, va mu bana ba Yezu (yayisubiyemo kabiri).

...

Hari uvuga ati agiye kutwereka, ati namukoreye iki ? Ati inzira nanyuzemo ni iyihe ? Ati namutunganyirije iki? Ese umuntu wese yari amaze kwibaza uburyo uzamuhembera ibyo yakoze. Ati sinashyitse mu nzira ye, sinakoze mbese uko yabishatse. Ati iteka naramugomeye, sinamutunganyirije.

S. Nyagasani hanyuma rero uduhoza vuba uti: "Bana banjye nimuhumure", ni nk'ibintu nshaka kwiyerekera... uti cyangwa mugende mu... nake umuntu yari amaze kwiheba, hanyuma mbona uratugaruye. (Aho amagambo atuzuye niko yabivuze nta kibuzemo).

Ch. Ni inde utazemera Nyagasani, ni inde utazemera inzira nziza (2)

Ni inde utazaza aho iwawe? Ni inde utazanga shitani? (2)

Pu! Shitani ntawe utazakwanga. Oya twese twese.

S. „Yewe bayanze bese ntawe uyikunze, kereka uwo yikolonirije yagize igikoresho, naho uwo itarakigira burundu arayanga, uwo ari we yumva bimuteye inkeke“.

...

Ch. Ni inde utazemera Nyagasani?

Nta n'umwe, tuzayanga twese.

Oya, hariya nduzi hameze nabi ntawe uhashaka, turishakira hariya. Ahameze nabi ntawe uhashaka da! Umuntu arishakira iwawe. Reka da! HARIYA ni aha shitani, nihagumane ntabwo tuhashaka. (Yerekana aho shitani iherereye).

...

Tuzakurikira urumuri rwawe, naho urwa shitani...

Ngaho nimurebe mu kuboko kw'ibumoso murebe ko urwa Nyagasani rumeze nk'urwa shitani.

Oh! "Ni inde utazanga shitani?"

Yezu, tuzayanga twese. Ntawe uhashishikariye kereka uwo yitwariye. Dushishikariye urwawe gusa. *Abari aho babonye inyenyeri kw'ijuru.*

Ch. „Umwami niwe buhungiro bwanjye, ni nawe mirukiro yanjye, nagira ubwoba mbutewe na nde? “

(Uruhande rutarimo inyenyeri rucuze umwijima rwose, ahabona n'ahatabona hatandukanijwe n'umurongo ugororotse).

Uzaza kudushuka utwigarurire, ntabwo tuzagukundira tuzakurikira Yezu wenyine n'umubyeyi we Bikira Mariya, naho wowe tuzakurebana iseseme ndetse n'agasuzuguro. *(Uwarebaga hejuru yabonaga uruhande rumwe rucuze umwijima, urundi rurimo inyenyeri zibonesha).*

Ch. Hoshi genda shitani va mu bana ba Mariya.

...

Ntabwo uzabona ahantu unyura ishapule n'umusaraba wa Yezu. Nta hantu na hatoya uzabona unyura, nidukunda kwiyambaza Bikira Mariya na Yezu, uzabaca hehe? Tuzagutsinda uko tungana.

...

Nzakurikira wowe Nyagasani, naho shitani ibyayo byose nibijyane.

...

Ariko Nyagasani, werekanye ibintu byinshi, yewe uwagerageje gukurikira aratahana byinshi.

Abantu bari bahari bariyamirira babonye inyenyeri nyinshi...

Ch. Urumuri rwawe Nyagasani ni inde utazarukurikira?

Nyagasani ntawe utazakurikira urumuri rwawe. Duhumure amaso tukwirebere gusa.

Noneho hagaruka inyenyeri ebyiri gusa...

Ch. Nyagasani ni inde utazagukurikira?

Abantu barakomeza barangamira izo nyenyeri.

Wakomeje ukatumurikira ko abantu batagerageje kureba hose ?

Ch. Ni wowe nzira nziza, ni wowe Jambo wa Rurema (twese).

Ch. Umwami wacu Yezu yasubiye iwe (twese tukikiriza).

...

Nyagasani, murikira mbashe guha abantu bawe umugisha, maze ntange umugisha wawe mutagatifu, nkomeze abantu mu byiza. Ntegereje urumuri rwawe Nyagasani. Murikira mbone inzira nyura (x 4) *(Yatangiyeye kugana aho bateguye amazi agenda areba hejuru).*

...

Mbere yo kujya kunyobora aho ari ho, uzaduhe natwe iriba ridakama, kuko iryacu rirakama.

...

Ha! Ndabakwira bese? Wabihereye uwawe? Ntabwo nabakwira bese. Bihere uwawe Nyagasani... (Akabiririmba).

...

Ntabwo numva...

Ch. Ibyo dutunze byose (bose bakayikomeza hamwe nawe)

Duterere aya mazi umugisha, agerageze kuzagirira isi yacu akamaro. *(Yahaye amazi umugisha, awutanga nk'abapadiri, ayanywaho, yerekeje amaso hejuru kandi akamenya aho ajya adasitaye.*

Yasabye Nyagasani kumufasha gutanga umugisha tubona imvura iraguye iratunyangira, noneho agaruka aho yari ari apfukamyeye. Abari aho bashimira uwo mugisha udasanze, batangazwa no kubona imvura igwa batazi aho iturutse. N'ubwo kandi yaguye ari nyinshi, Agnès aho yari hagati y'abandi nta n'agatonyanga k'amazi kamugezeho. Igihe iyo mvura yagwaga niho yarangije kubonekerwa, arimanukira noneho Segatashya nawe aratangira).